


# Imfashanyigisho y'abashyashya

Isomero rusange rya Denver rifite imyanya ihagije kandi myiza aho buri wese ashobora kugira ibyo atahura, yiga, ahanga cyangwa yisangamo. Mu bice 26 mu mujyi wose, isomero ryubatse umuryango mugari ritanga inyandiko z'ingenzi zifasha abantu guhura, gukura no gutera imbere. Kandi, byose ni ubuntu.

## BURI WESE AHAWE IKAZE MU ISOMERO

Ni byo. Buri wese muri Colorado ashobora gukoresha Isomero rusange rya Denver nta kiguzi bimusabye, hatitawe ku ho wavukiye cyangwa ku gihe wahasuriye.

## NI IKI WAKORA MU ISOMERO?

Hari byinshi wakora mu isomero. Uhawe ikaze kuri:

- Gutira ibitabo, ibinyamakuru, filimi n'umuziki ushobora gutahana mu gihe kiri hagati y'icyumweru 1 na 3. ibikoresho byinshi biraboneka kuri murandasi.
- Koresha mudasobwa, mucapyi na fotokopiyeze.
- Saba ushinzwe isomero agufashe kubona amakuru.
- Iga Icyongereza.
- Igira kuzakora isuzumabumenyi ku Burere Mboneragihugu.
- Gera ku makuru y'umuryango mugari no ku nyungu rusange.
- Bona ubufasha mu kubona akazi.
- Bona ubufasha mu gutangira ubucuruzi.
- Reba ibikoresho n'ibikorwa bishimisha abana.
- Bona ubufasha bujyanye n'umukoro wawe.
- Jya mu mashuri no mu bikorwa byo kwinezeza.
- Ifashishe ibikoresho nk'imashini zidoda, ibikoresho bifata amajwi, na mucapyi za 3D ...Byose nta kiguzi.

## ESE NKENEYE IKARITA Y'ISOMERO?

Ntabwo ukeneye ikarita y'isomero kugira ngo witabire ibikorwa na gahunda nka Plaza, Igihe cyo kubara inkuru, amasomo ya mudasobwa cyangwa porogaramu za ideaLAB. Ikarito y'isomero ni ubuntu kandi biroroshye kwiyandikisha! Sura aho ari ho hose Isomero rusange rya Denver riri witwaje ikarita ikuranga hamwe n'igihamya cy'aho atuye. Ifoto y'indangamuntu ishobora kuba Indangamuntu ya leta, urwandiko rw'abajya mu mahanga rwatanzwe n'igihgu icyo ari cyo cyose, cyangwa ikarita yatanzwe na konsila.

DENVER PUBLIC LIBRARY



## IBYO USHOBORA GUTIRA MU ISOMERO UKORESHEJE IKARITA:

- Ibitabo bicapye n'ibitabo byo mu buryo bw'ikoranabuhanga
- Ibitabo biri mu majwi n'ibitabo biri mu majwi byo mu buryo bw'ikoranabuhanga.
- Filime (kuri DVD, BluRay no kurebera kuri murandasi).
- Umuziki (kuri CD no kuwumvira kuri murandasi)
- Ibinyamakuru bicapye n'ibyo mu buryo bw'ikoranabuhanga.
- Ibinyamakuru.
- Murandasi nziramugozi ushobora gusangiza abandi.
- Gusura inzu ndangamurage n'Amashyamba ya leta. N'ibindi byinshi!

## GAHUNDA NA SERIVISI

Sura urubuga rw'isomero, denverlibrary.org, kugira ngo ubone amakuru yerekeye gahunda na serivisi no gutahura serivisi zitandukanye ahantu 26 hose Isomero rusange rya Denver riboneka.

### Plaza

Plaza ni ahantu ahantu abimukira baturutse ku isi yose bahurira bagahura n'abantu bashya. Ibikorwa birimo kwiga Icyongereza, kwitegura uburere mboneragihugu, ubufasha mu bya mudasobwa, ubugeni, kubaka umuryango mugari n'ibindi.

### Umutungo w'umuryango mugari

Vugana n'inzobere mu gutanga ubufasha wibanda ku mutungo w'umuryango mugari nk'aho kuba, inyubako, ibyo kurya, inyungu rusange, ubuzima bwo mu mutwe, serivisi z'ubuvuzi, ubuvuzi bw'uburwayi bukomoka ku biyobyabwenge, n'ibindi... wowe baza!

### Ibihe byo kubara inkuru

Inkuru, indirimbo, ibisigo n'ibindi bigenewe abana, abana bakuru n'ababyeyi babo cyangwa ababarera biri mu Cyongereza n'Icyesipanyoro.

### Amasomo ya mudasobwa

Amasomo no kwihugura by'umuntu ku giti cye ku nsanganyamatsiko z'ikoranabuhanga, kuva ku z'ibanze kugera ku zikomeye, ziri mu Cyongereza n'Icyesipanyoro.

### ideaLABs

ideaLAB: Makerspaces ni ahantu hatishyurwa abantu bahurira kugira ngo bagire ibyo bakora. Porogaramu za ideaLABs z'isomero zifasha buri wese kuba yakora imbuga za murandasi, videwo, imikino, umuziki n'ibindi. Mu gihe ibikoresho bigiye bitandukanye bitewe n'aho isomero riherereye, porogaramu ya ideaLAB, ishami ry'isomero rya Rodolfo "Corky" Gonzales Branch Library ryibanda ku budozi: imashini zidoda, imashini itunganya ubudodo ifsha abantu gukora ibintu by'ubwoko bwose harimo imyenda, imitako, ubugeni n'ibindi. N'ibikoresho bikomeye n'ubufasha butangwa n'umukozi ushinzwe ibya tekiniki, porogaramu za ideaLABs zituma umuntu agera ku bintu bishobora kuba birenze n'ubushobozi nta kiguzi. Nta library card ikenewe.

## AMAGAMBO DUKORESHA

- **borrow cyangwa check out:** gutahana ibyo ukuye mu isomero ukabimarana igihe.
- **due date:** umunsi icyo kintu cyatiriwe kigomba kugarurwa mu isomero.
- **item or materials:** ibitabo, filime, umuziki, n'ibintu bintu isomero rifite ngo ubikoreshe.
- **Librarian:** Umukozi wabihuguriwe ushobora kugufasha kwiga uburyo bwo gukoresha isomero n'uko wabona amakuru ukeneye.
- **library card:** ikarita y'umunyamuryango ukenera kugira ngo ugire ibyo utira mu isomero.
- **Photo ID:** ikarita ikuranga igaragaza amazina n'ifoto yawe. Ishobora kuba Indangamuntu ya leta, urwandiko rw'abajya mu mahanga rwatanzwe n'igihugu icyo ari cyo cyose, cyangwa ikarita yatanzwe na konsila. Zana ibyo ufite tuzafatanya kugukorera ikarita y'isomero.
- **proof of address:** Inyemezabwishyu cyangwa ikindi cyangombwa cy'iposita kigaragaza amazina yawe na aderesi yawe.
- **receipt:** inyandiko igaragaza ibyo watiye n'igihe uzabigarurira.
- **renew:** gusaba kongererwa igihe cyo kugumana i byo watiye.
- **return:** kugarura ibyo watiye mu isomero.